Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .e-1 | TARIKI 18-24 GASHYANTARE 2025 RPC | P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

AMAKURU



Leta yasabye ababyeyi kwigisha abana Ikinyarwanda bakiri bato 4

UBUKUNGU



Ingengo y'Imari yiyongereyeho miliyari 126,3Frw igera kuri miliyari 5 816,4 8

MU NTARA



Rutsiro: Arashima ko Girinka imaze kumugeza kuri butike ya 2 000 000 Frw 9

MU NTARA



Rusizi: Bababazwa na sitade iva n'ikibuga cyayo cyabaye intabire 10

Imvaho Nshya **Siporo**

NO: E-1 | TARIKI 18-24 GASHYANTARE 2025 | RPC | P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 | E-mail: info@rpc.rw

Basketball: U Rwanda rwabonye itike y'igikombe cya Afurika cya 2025

Ikipe y'igihugu y'u Rwanda y'abagabo mu mukino wa Basketball yabonye itike yo gukina igikombe cya Afurika cya 2025 nyuma yo gutsinda Gabon amanota 81-71.

U Rwanda rwagiye gukina uyu mukino rusabwa gutsinda kugira ngo rubone itike y'igikombe cya Afurika.

Ikipe y'igihugu y'u Rwanda yatangiye neza umukino ibifashijwemo n'abakinnyi barimo Robben Williams na Alex Mpoyo batsindaga amanota menshi.

Agace ka mbere karangiye u Rwanda ruyoboye umukino n'amanota 24 Kuri 16 ya Gabon.

Mu gace ka kabiri, mu gace ka kabiri, umukino wegeranye cyane amakipe yombi agendana mu manota, ariko karangiye Cameroun ikayoboye n'amanota 18-17.

Igice cya mbere cyarangiye u Rwanda rwakomeje kuyobora umukino n'amanota 41 kuri 34 ya Gabon.

Mu gace ka Gatatu, u Rwanda rwongeye gusubirana imbaraga, Furaha Cadeau de Dieu na Ntore barutsindira amanota menshi. Aka gace karangiye, rwongereye ikinyuranyo kigera mu manota 11 (64-53).

U Rwanda rwaherukaga mu Gikombe cya Afurika mu 2021 ubwo cyaberaga i Kigali

Mu gace ka nyuma, umukino wongeye kwegerana ariko Gabon ikagerageza kwitwara neza. Icyakora ku rundi ruhande, u Rwanda ntirwemeraga ko ikinyuranyo kivamo.

Umukino warangiye u Rwanda rutsinze Gabon amanota 81-71, rubona itike yo gukina igikombe cya Afurika ku nshuro ya karindwi.

U Rwanda rwaherukaga kwitabira iri rushanwa rutatumiwe mu 2011, mu gihe izindi nshuro zabaga ari ubutumire cyangwa rwaryakiriye.

Imikino y'igikombe cya Afurika yitezwe kuzabera muri Angola tariki 12 kugeza ku wa 24 Kanama 2025.

Perezida Kagame yatangije Tour du Rwanda 2025

SHEMA IVAN

Perezida Kagame na David Lappartien batangiza Tour du Rwanda 2025

Perezida wa Repubulika Paul Kagame ari kumwe na Perezida wa UCI David Lappartient, batangije ku mugaragaro isiganwa ry'amagare rizenguruka igihugu 'Tour du Rwanda 2025'.

Ku Cyumweru tariki ya 23 Gashyantare 2025, ni bwo hatangiye irushanwa rya Tour du Rwanda rizenguruka igihugu ku nshuro ya 17 kuva ribaye Mpuzamahanga mu gihe ari inshuro ya karindwi kuva rigiye ku rwego rwa 2.1.

Abakinnyi 69 bo mu makipe 14, barimo 39 bo muri Afurika, 26 b'i Burayi, 3 bo muri Aziya na Oceania n'umwe wo muri Amerika, ni bo batangiye iri rushanwa rizamara iminsi umunani.

KOMEZA KU RUP.3

Jeannette Kagame yashimiye Fatima Maada Bio watorewe kuyobora OAFLAD

URUP.2

Ikibazo cya Tshisekedi agira indimi ebyiri- Minisitiri Nduhungirehe

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yanenze Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, wavuze ko adateze kugirana ibiganiro na M23 mu gihe abeshya amahanga ko yiteguye kuganira n'aba Banyekongo baharanira uburenganzira ku gihugu cyabo.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko indimi ebyiri za Tshisekedi zikomeje kuba imbogamizi ku rugendo rw'amahoro, kuko imbere y'abafatanyabikorwa be b'i Burayi avuga ko yiteguye kuganira n'Ihuriro rya AFC/M23 mu gushaka igisubizo kirambye ku bibazo by'umutekano muke byabaye akarande mu Burasirazuba bwa RDC, imbere y'abo ayoboye akababwira ko n'iyo yapfa atakwemera kuganira na bo.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

Jeannette Kagame yashimiye Fatima Maada Bio watorewe kuyobora OAFLAD

KAMALIZA Agnes

Madamu Jeannette Kagame yashimiye Fatima Maada Bio, umugore wa Perezida wa Sierra Leone Julius Maada Bio, watorewe kuba Perezida w'Umuryango w'Abagore b'Abakuru b'Ibihugu bya Afurika ugamije Iterambere (OAFLAD).

Fatima Maada Bio watorewe kuba Perezida w'Umuryango w'Abagore b'Abakuru b'Ibihugu bya Afurika ugamije Iterambere (OAFLAD)

Mu butumwa Jeannette Kagame yanyujije ku rukuta rwe rwa 'X' kuri uyu wa Mbere tariki ya 17 Gashyantare 2025, yanifurije ishya n'ihirwe Visi Perezida Dr. Ana Dias Lourenço, umugore wa Perezida wa Angola João Manuel Gonçalves Lourenço, ndetse n'abagize Komite bose.

Yagize ati: "Mbifurije insinzi mu nshingano nshya. Ntegerereza-nyije amatsiko ko tuzakorera hamwe kugira ngo tugere ku ntego dusangiye n'ibyo twiyemeje".

Ku wa Gatandatu tariki ya 15 Gashyantare 2025, ni bwo Madamu Fatima Maada Bio, yatorewe kuyobora uwo muryango muri manda y'imyaka ibiri mu Nteko rusange ya 29 yabereye i Addis Ababa, muri Ethiopia, ahigitse Madamu Oluremi Tinubu,Umugore wa Perezida wa Nigeria Tinibu Ahmed Bola.

Mu butumwa bwo gushimira umugore we, Perezida Julius Maada Bio yavuze ko gutorwa kwe ari insinzi ikomeye, ashimangira ubwitange bwe mu guharanira uburenganzira n'iterambere ry'abagore n'abakobwa.

Yagize ati: "Nishimiye kukubona mu nshingano nshya uzamura ijwi ry'abagore n'abakobwa muri Africa. Reka tugende Fatima!"

Uretse umugabo we yanashimiwe n'abandi bagore b'abakuru b'ibihugu barimo Madamu Rachel Ruto wa Kenya n'abandi.

Umuryango wa OAFLAD washinzwe mu mwaka 2002, utangira witwa 'OAFLA', nk'umuryango w'Abagore b'Abakuru b'ibihugu muri Afurika urwanya virusi itera SIDA, (OAFLA).

Nyuma waje guhindura izina witwa 'OAFLAD', aho ari urubuga rukomeye ku mugabane w'Afurika ruharanira iterambere ry'abagore n'urubyiruko,kubongerera ubushobozi, guteza imbere ubuzima bw'umubyeyi n'umwana, gukumira impfu z'abagore bapfa babyara n'iz'abana bari munsi y'imyaka itanu.

Fatima Maada Bio akaba agiye kuwuyobora asimbuye Madamu Monica Geingos,wa Namibia wari wungirijwe na Denise Nyakéru Tshisekedi wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (DRC).

Urukiko rw'Ikirenga mu Rwanda rwasabye EACJ kwigira ku Nkiko Gacaca

ZIGAMA Theoneste

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu Rwanda, Mukantaganzwa Domitilla, yasabye abacamanza b'Urukiko rw'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EACJ) n'abo mu bihugu by'Akarere kwigira ku butabera bw'Inkiko Gacaca na gahunda y'ubutabera bwunga.

Inkiko Gacaca zagize uruhare rukomeye mu guca imanza zikabakaba miliyoni ebyiri mu gihe cy'imyaka 10, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu gihe cy'iminsi 100 gusa.

Ni uburyo Abanyarwanda bishatsemo ibisubizo byo gutanga ubutabera bwari kuzafata imyaka amagana mu nkiko zisanzwe, no komorana ibikomere byasizwe n'amateka yashibutse ku miyoborere mibi yaranze Igihugu.

Gahunda y'ubutabera bwunga bifitanye isano, na yo ikomeje gufasha Abanyarwanda gukemura amakimbirane mu bwumvikane bidasabye kujya mu nkiko.

Madamu Mukantaganzwa yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 18 Gashyantare 2025, ubwo yafungura Inama Ngarukamwaka ya 3 y'Abacamanza b'Urukiko rw'Umuryango rw'Afurika y'Iburasirazuba (EACJ).

Madamu Mukantangaza atangiza iyo nama, yagaragaje ko Inkiko Gacaca yayoboye ku rwego rw'Igihugu, zatanze ubutabera buhana kandi bwunga.

Yagize ati: "Mu biganiro byacu by'uyu munsi n'ejo, ndashaka kugaragaza igice cy'amategeko Igihugu cyanjye gishyigikiye, bwo gukemura ibibazo mu bwumvikane, (Alternative Dispute Resolution/ADR), kuko busa cyane n'imigenzo yacu gakondo yo gutanga ubutabera."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu Rwanda, Mukantaganzwa Domitilla

Mukantaganzwa yagaragaje ko mu gihe cy'imyaka itari myinshi, Inkiko Gacaca zakemuye ibihumbi by'imanza hifashishijwe ubutabera bushingiye ku kunga abafitanye ibibazo ndetse kandi hatangwa ibihano ku babikwiye.

Uwo muyobozi yumvikanishije ko abacamanza ba EACJ bakwiye kwimika uburyo bwo gukemura amakimbirane binyuze mu buhuza bw'abafitanye ibibazo.

Ati: "Ndashishikariza buri wese muri twe kugira uruhare mu kwemeza ko uburyo bwo kunga n'ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane mu bwumvikane, bushyirwa ku isonga hagamijwe korohereza abantu kugera ku butabera."

Mukantanganza yabwiye abakora mu nkiko ko bafite inshingano zikomeye zo gutanga ubutabera buboneye.

Ati: "Twese tuzi ko ubutabera ari inshingano rusange ndetse n'inkingi z'ubutabera bw'ibihugu byacu… Tugomba guhora twitwararika no kugira uruhare mu gutuma ubutabera bugera ku babukeneye."

Urukiko rw'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EACJ) rufite inshingano zihariye ziruha ububasha bwihariye bwo gukemura ibibazo by'amategeko haba mu buryo bw'urubanza rusanzwe no mu buryo bw'ubuhuza. Ibi bifasha cyane mu gutanga ubutabera mu by'ubucuruzi no gukemura amakimbirane.

Iyi nama izamara iminsi ibiri irimo kubera i Kigali, yahuje abasaga 250, biganjemo abahagarariye imiryango y'Uturere tw'Afurika, Abaminisitiri bafite mu nshingano ubutabera, abacamanza n'abandi bafite inshingano mu nkiko zitandukanye.

Inama ya EACJ ibaye ku nshuro ya 3, iya mbere yabereye mu Burundi mu 2021, iya kabiri ibera mu Uganda mu 2022.

Perezida Kagame yatangije Tour du Rwanda 2025

Perezida Kagame na David Lappartien bishimiye gutangiza Tour du Rwanda 2025

IBIKURIKIRA URUP.1

Kuri uyu munsi wa mbere, harakinywe 'Prologue' ireshya n'ibilometero 4,1 bitangiriye kuri BK Arena isozezwa kuri Sitade Amahoro abakinnyi basiganwa n'ibihe ku giti cyabo ibizwi nka "Individual Time Trial".

Umubiligi Aldo Taillieu ukinira Lotto Development ni we wegukanye agace ka mbere ka Tour du Rwanda 2025, nyuma yo gukoresha iminota 3 n'amasegonda 48 ku ntera y'ibilometero 3,4 byatangiriye kuri BK Arena bigasorezwa kuri Sitade Amahoro.

Mbere y'uko Tour du Rwanda 2025 itangira, Perezida wa UCI David Lappartient, ari hamwe n'abandi bayobozi bo muri UCI barimo Jacques Landry uyobora UCI Satellite yo muri Afurika y'Epfo, batangije ikigo cyo guteza imbere umukino w'amagare mu Rwanda.

Hatangijwe kandi gahunda yo guteza imbere umukino w'amagare mu mpunzi.

Agace kabanza kari gafite intera y'ibilometero 3,4

Minisitiri Nduhungirehe asanga Perezida Tshisekedi adafite ubushake bwo gukemura ikibazo cya M23 mu biganiro

Ikibazo cya Tshisekedi agira indimi ebyiri- Minisitiri Nduhungirehe

IBIKURIKIRA URUP.1

Yabigarutseho asubiza ibyo Perezida Tshisekedi yabwiye Abasenateri n'Abadepite byasohotse kuri RFI, ko agihagaze ku mwanzuro wo kwanga ibiganiro na AFC/M23 ashinja kuba ari umutwe w'Abanyarwanda, mu gihe yari amaze kubwira Umuyobozi wo mu Bwami bw'u Bwongereza ko yiteguye kugirana ibiganiro na bo.

Nduhungirehe yagize ati: "Ikibazo cya Perezida Tshisekedi ni uko agira indimi ebyiri. Imvugo agenera abafatanyabikorwa be b'i Burayi, arahira ko yiteguye kugirana ibiganiro na AFC/M23 (ibi yanabisubiyemo ejo i Kinshasa abihamiriza Umunyamabanga wa Leta y'u Bwongereza ushinzwe Ububanyi n'Amahanga), akagira n'indi mvugo agenera ibinyamakuru n'ikindi gice gisigaye cy'Isi, aho arahira imana zibaho zose ko atazigera agirana ibiganiro n'uwo mutwe w'Abanyekongo."

Minisitiri Nduhungirehe yakomeje ashimangira ko izo ndimi ebyiri, anazigira ku kibazo cya FDLR, umutwe w'iterabwoba washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ubu ukaba ucyisuganyiriza kugaba ibitero ku Rwanda ugakomeza umugambi wa Jenoside no gukuraho ubuyobozi bw'u Rwanda.

Ati: "Izo ndimi ebyiri zinakora ku kibazo cy'Abajenosideri ba FDLR, aho Perezida Tshisekedi yizeza kuwurandura mu biganiro bye n'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma b'i Burayi, mu gihe imbere mu gihugu ubufatanye bw'ingabo za Leta (FARDC) na FDLR burushaho gukomera."

Perezida Tshisekedi anagaragaza ko FDLR yabanje kuba umutwe ufasha FARDC ariko kuri ubu ngo wahindutse abafatanyabikorwa b'imena b'izo ngabo za Congo mu mugambi wo kugaba ibitero ku Rwanda no gukuraho ubuyobozi bwarwo ashinja kuba intandaro y'ibibazo bimaze imyaka n'imyaka mu gihugu cye.

Minisitiri Nduhungirehe avuga ko Ingabo za FARDC ari nka baringa mu gihe zifite ibitwaro biremereye, kuko zibeshejweho gusa n'inkunga y'abo Banyarwanda b'Abajenosideri, imitwe yitwaje intwaro y'imbere mu gihugu nka Wazalendo n'abandi, abacanshuro b'Abanyaburayi, ingabo z'u Burundi ndetse n'izoherejwe n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SAMIDRC).

Perezida Tshisekedi ucyiringiye ubwo bufatanye butuma igisirikare cye gikomeza kugira icyizere cyo kugaba ibitero kuri M23 no kurenga imbibi z'u Rwanda, yavuze ko yamaze kubona ingabo ziteguye guhangana kinyamwuga kabone n'iyo zaba zimaze icyumweru cyose zitagemurirwa ibyo kurya no kunywa.

Leta yasabye ababyeyi kwigisha abana Ikinyarwanda bakiri bato

KAMALIZA Agnes

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yasabye ababyeyi kwigisha neza abana babo ururimi rw'Ikinyarwanda bakiri bato kuko ari umurage ntagereranywa ukaba n'umuco uhuza Abanyarwanda.

Ibyo byagarutsweho na Minisitiri wa Minubumwe Dr Bizimana Jean Damascene kuri uyu wa 21 Gashyantare, ubwo yari mu Karere ka Gicumbi u Rwanda rwizihiza ku nshuro ya 22 Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire.

Uyu munsi wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti: "Twige tunoze Ikinyarwanda ,ururimi ruduhuza".

Minisitiri Bizimana yagaragaje ko uburere bw'umwana butangira akiri mu nda, asaba ababyeyi kugira uruhare mu kubugisha ururimi rw'Ikinyarwanda neza n'indangagaciro z'umuco Nyarwanda.

Yagize ati: "Ururimi rutangirira mu miryango, kugira ngo umuntu aruvuge neza bisaba gutangirira mu muryango, agatangira ari muto. Birasaba ababyeyi ko bigisha neza abana babo Ikinyarwanda igihe bari mu ngo kandi bikajyana n'izindi ndangagaciro y'umuco Nyarwanda."

Avuga ko isoko y'uburere ari mu ngo ari nayo mpamvu ari ngombwa kwita ku burere kandi buhera mu muryango umuntu aba avukamo.

Minisitiri agaragaza ko ururimi ruranga buri kiciro cy'abantu kandi buri gihugu kigira ururimi rwacyo ikaba inkingi ibahuza igomba gusigasirwa mu buryo bwose.

Ati: "U Rwanda tuvuga ururimi rumwe ruduhuza, ni ngombwa kuruvuga neza, tukarusigasira kuko rutuma abantu twumvikana kuko tubaye tuvuga indimi zitandukanye hano nta n'umwe wari kumva undi."

Dr. Bizimana kandi yanasabye urubyiruko rukiri mu mashuri kwitandukanya n'abakeka ko ari abasirimu bava ku mashuri bica ururimi rw'Ikinyarwanda baruvanga n'indimi z'amahanga kuko bituma gitakaza umwimerere.

Yagize ati: "Urubyiruko hari ukuntu bakeka ko kuba umusirimu ari ugutandukana n'Ikinyarwanda wataha wahura na Nyogosenge uti: "uraho Aunt, how are you?" kugira ngo umwereke ko hari intera wagezemo. Urabwira how are you Nyogosenge azi ibyo ari byo? Uramubwira Aunt ibyo arabizi?"

Icyakoze yagaragaje ko kumenya izindi ndimi z'amahanga no kuziga ari byiza ariko mbere ya byose ari ururimi gakondo.

Ati: "Nimwige neza indimi z'amahanga ariko mbere ya byose banza ururimi rw'iwanyu kuko ni rwo ruduhuza, ni rwo gakondo."

Mu Rwanda, kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire ni umwanya wo guha agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu rukwiriye gusigasirwa mu ngeri zitandukanye nk'Umurage w'Abanyarwanda.

Ni Umunsi wemejwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) mu 1999.

Ababyeyi bakanguriwe kwigisha abana Ikinyarwanda bakiri bato

Perezida Kagame yakiriye Umudepite uhagarariye Tottenham akaba n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, Umuryango wa Commonwealth n'Iterambere mu Bwongereza, David Lammy

Umutekano w'u Rwanda ugomba kubahwa- Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko inyungu z'umutekano w'u Rwanda zigomba guhabwa agaciro kandi zikubahwa.

Perezida Kagame yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki ya 22 Gashyantare 2025, ubwo yakiraga Umudepite uhagarariye Tottenham akaba n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, Umuryango wa Commonwealth n'Iterambere mu Bwongereza, David Lammy.

Perezida Kagame yashimangiye agaciro k'umutekano w'u Rwanda mu gihe umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ukomeje kugira ingaruka ku Rwanda.

Ni mu gihe kandi u Rwanda rwahisemo gufata ingamba z'ubwirinzi nyuma y'uko Leta ya Congo ihisemo gukorana n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu mugambi wo kurutera.

Umugambi wagutse wo guhungabanya umutekano w'u Rwanda wahishuwe na Perezida wa RDC Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, anongera abasirikare bihuje na FDLR, Wazalendo, abacanshuro n'ingabo z'Abarundi, abongerera n'intwaro ku mupaka w'u Rwanda.

Ibiganiro Perezida Kagame yagiranye n'intumwa y'u Bwongereza byibanze ku mubano w'u Rwanda n'Ubwami bw'u Bwongereza ukomeje gutera imbere mu nzego zitandukanye, cyane ko u Rwanda ari umunyamuryango w'imena w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Icyongereza (Commonwealth).

Nanone kandi bagarutse ku ngamba zo gushaka igisubizo kirambye ku bibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Abayobozi bombi bagarutse ku kuri kuri mu gihugu cy'abaturanyi, aho Perezida Kagame yashyize umucyo ku kuba u Rwanda rwariyemeje gushyigikira amahoro ariko inyungu zarwo z'umutekano zikana zigomba kubahwa kandi zigahabwa agaciro.

Perezida Kagame yashimagiye kandi agaciro ko gushyigikira urugendo nyafurika rw'amahoro rwatangijwe ku mugabane w'Afurika rugamije ku kubaka igisubizo kirambye ku ntambara zo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

U Rwanda rusanga inkunga y'u Bubiligi ntacyo yamara bukorana n'abarushozaho intambara

NTAWITONDA Jean Claude

Leta y'u Rwanda yatangaje ko yanze kugurana umutekano n'ubusugire bw'Igihugu inkunga z'u Bubiligi bwahisemo gukorana na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) irushozaho intambara, mu kurusopanyiriza mu bihugu no mu miryango mpuzamahanga.

Umuvugizi wungirije wa Guverinoma Alain B. Mukuralinda, yavuye imuzi impamvu Rwanda rwahisemo guhagarika ubufatanye mu by'ubukungu bwaruheshaga inkunga ya miliyoni zisaga 200, ni ukuvuga miliyari zisaga 279 z'amafaranga y'u Rwanda, mu gihe cy'imyaka 10 kuva mu 2019.

Umuvugizi wungirije wa Guverinoma Alain B. Mukuralinda

Mu kiganiro yagiranye n'Imvaho Nshya nyuma y'amasaha make u Rwanda rufashe icyemezo cyo guhagarika imikoranire n'u Bubiligi muri gahunda z'ubukungu n'iterambere, Mukuralinda yavuze ko icyo cyemezo ari icy'Abanyarwanda bose kuko izo nkunga zidashobora kugira icyo zimara mu gihe abaturage bugarijwe n'umutekano muke.

Yasobanuye ko icyo cyemezo cyashingiye ku makuru yamenyekanye ko u Bubiligi bwifatanyije na RDC kandi bwakabaye ari umuhuza nk'Igihugu gifitanye umubano wihariye n'ibihugu byombi ushingiye ku mateka, aho kinasobanukiwe cyane ibibazo biri mu Burasirazuba bwa RDC bamwe bakaba banavuga ko gishobora cyabigizemo uruhare.

Ati: "Aho kugira ngo u Bubiligi bujye hagati y'ibihugu byombi bafitanye n'amateka yihariye ntibubogame, ahubwo bwarabogamye bufata inzira ndetse n'imvugo yashyizweho na Guverinoma ya Congo y'uko ibiba byose muri Congo ari u Rwanda rubitera, Congo ikanongeraho ko ari u Rwanda rufasha M23 kugira ngo bibe amabuye y'agaciro."

Iyo mvugo ngo ni yo RDC n'u Bubiligi bijyana ahantu hose mu gusabira u Rwanda ibihano no kurukomatanyiriza mu bihugu no mu miryango mpuzamahanga.

Mukuralinda yavuze ko kuba u Bubiligi bwariyunze kuri urwo rugamba rwa RDC ari imyitwarire idahwitse.

Ati: "Kujya gusabira u Rwanda ibihano ku nkunga u Rwanda rukeneye, ukazana ibibazo bya Politiki Igihugu cya Congo kidafite ubushake bwo gukemura ukabyitirira u Rwanda, ugafata ibibazo bya Politiki ukabihuza n'ubufatanye mu iterambere cyangwa amajyambere y'abaturage b'u Rwanda. Ibyongibyo ntabwo ari ibintu u Rwanda rwari kwemera."

Yavuze ko gufatira Igihugu ibihano nta hantu na hamwe byigeze bitanga umusaruro, ahubwo ko u Bubiligi bwarengereye kurenga ku bisubizo byashyizweho n'Abanyafurika binyuze mu miryango itandukanye bukiyunga ku gihugu cyahisemo inzira y'intambara igira ingaruka zikomeye ku Rwanda.

Ati: "Noneho habaye ibyo biganiro ku ruhande rw'Afurika, ariko nyirubwite we yafashe inzira za gisirikare, ati njyewe mfashe ingufu za gisirikare zo gukemura icyo kibazo. Niba anabishyize mu bikorwa aravuga ko umwanzi ari Guverinoma y'u Rwanda atari Abanyarwanda, ati nzabatera mfite intwaro; yaranaziguze n'ibimenyetso byaragaragaye, ati nzanatera kiriya gihugu ntakandagiye ku butaka bwacyo ndetse no kubishyira mu bikorwa byarabaye."

Yanenze u Bubiligi bwirengagije ingamba zafashwe ku rwego rw'Afurika bugahitamo gukorana n'Igihugu cyahisemo intambara kikayitegura kigamije gutera u Rwanda gifatanyije n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR, Ingabo z'u Burundi, ingabo za SADC, Wazalendo, abacanshuro bavuye I Burayi, n'abandi.

Ati: "Ese ibyongibyo babibaza Guverinoma ya Congo? Noneho ukirengagiza no kureba ngo abo bantu bafatanya na nde? Bafatanya n'Ingabo z'u Burundi, na SADC, Wazalendo, FDLR, n'abachanshuro bavuye i Burayi mu bihugu byabo. Mwigeze mwumva se ibyongibyo babibaza Guverinoma ya Congo? Ahubwo uraje ugiye mu nzira na bo bahisemo kunyuramo."

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwasanze ari rwo rubihomberamo kuko birugiraho ingaruka ku mutekano n'ubusugire.

Ikindi kandi avuga ko Rwnanda rugerwaho n'ingaruka zo kuba rwaranze guceceka ku Banyekongo b'Abatutsi batotezwa bakanicwa bazira uko baremwe, kandi amasezerano mpuzamahanga rwashyizeho umukono ateganya ko uramutse ubonye aho abantu bari kuzira ubwoko bwabo, akwiye ugutabaza amahanga.

U Rwanda ntiruzagurana inkunga ubusugire bwarwo

Mukuralinda yavuze ko Abanyarwanda bahisemo kutagurana umutekano n'ubusugire bw'Igihugu cyabo inkunga z'amahanga, kuko ntacyo izo mfashanyo zamara mu gihe barimo guhunga.

Yagarutse ku bitero byagabwe ku Rwanda mu mpera z'ukwezi kwa Mutarama 2025, aho ingabo za Congo (FARDC) n'abambari bazo barashe ibisasu mu Karere ka Rubavu bigahitana abantu 16 abandi barenga 160 bagakomereka, inzu zisaga 300 zigasenyuka, amashuri n'ibindi bikorwa remzo nk'abashanyarazi bikangirika.

Yavuze ko RDC yagabye icyo gitero ari na cyo u Bubiligi bwifatanyije na cyo, aboneraho gushimangira ko ibyo bukora mu Rwanda ntacyo byaba bimaze mu gihe bushyigikira gahunda zihungabanya umutekano warwo.

Ati: "Abanyarwanda bagomba kuvuga bati dushyire ku munzani. Turahitamo umutekano n'ubusugire bw'Igihugu cyacu, twarabyiboneye ko unarinzwe, cyangwa se turabihara kugira ngo baduhe iyo mfashanyo. Ese ubundi baguhaye izo mfashanyo hanyuma ugahara umutekano wawe, igice kimwe bakagifata bahateye, ubundi izo mfashanyo zakumarira iki utangiye kwirukanka ujya mu nkambi?"

Yavuze ko iyo hatabaho ingamba z'ubwirinzi zashyizweho n'u Rwanda, ibyangijwe n'ibyo bitero bya RDC byari kuba byinshi cyane, cyane ko Perezida wa RDC Felix Antoine Tshisekedi we yari yanirahiye ko azarasa i Kigali adakandagiye ku butaka bw'u Rwanda.

Yasabye abaturage b'u Rwanda kuzirikana ko bakwiye kumenya no kwirengera ingaruka z'ibyemezo bikomeye bafata.

Ati: "Ariko icy'ingenzi navuze ni kiriya cy'umutekano w'u Rwanda, ni iki twahitamo? Noneho niba hari ingaruka zibaye abantu bakazirengera bakamenya no kwizirika umukanda, abantu bakawizirika bashakisha n'ahandi ariko noneho bari mu mahoro… Amahitamo ni ayacu twese nk'abaturage b'u Rwanda."

Yavuze ko abayobozi bakuru b'u Rwanda badahwema kugaragaza impamvu ishingirwaho n'iki cyemezo gikomeye ariko gisigasira ubusugire bw'Igihugu.

"[…] Umunyarwanda umubwiye ko icyemezo gifashwe gishingiye ku mutekano n'ubusugire bw'Igihugu ukamugaragariza n'izo mpamvu zose u Rwanda rushingiraho, rwavuze, byanavuzwe n'abandi, n'Abakuru b'Ibihugu bo mu Karere ariko bavuga, ndibaza ko amahitamo y'u Rwanda ntabwo aba agoranye."

Guverinoma y'u Rwanda ishimangira ko kuba hari agace k'imikoranire kahagaritswe bitavuze ko umubano w'u Rwanda n'u Bubiligi wahagaritswe burundu, ahubo ko ibihugu byombi bizakomeza imikoranire ku rwego rwa za Ambasade.

Gakenke: Muyongwe bakora ingendo ndende bajya gushaka serivise z'ubuvuzi bw'amamenyo

NGABOYABAHIZI Protais

Abivuriza ku kigo nderabuzima cya Muyongwe giherereye mu Murenge wa Muyongwe, Akarere ka Gakenke, bavuga ko kuba iri vuriro ritagira serivise z'ubuvuzi bw'amenyo bituma bakora ingendo ndende bajya ku bitaro bya Ruli, kwivuza amenyo, bakaba bifuza kwegerezwa iyi serivisi.

Aba baturage bavuga ko kwivuza amenyo ari ibintu bibasaba igiciro kinini bajya kwivuriza akure.

Nsengimana Eric, yagize ati: “Udafite nibura ibihumbi bisaga 10, ukaramuka ufashwe n'iryinyo ntiwabona ubuvuzi bw'amenyo bitewe n'uko hano kuri iki kigo nderabuzima cya Muyongwe badakura amenyo cyangwa se ngo bayahome, tujya ku bitaro bya Ruli.

Abivuriza Muyongwe bakeneye kwegerezwa ubuvuzi bw'amenyo

Mukankundiye Devote we yagize ati: “Bazane umuganga w'amenyo, kuko hari benshi bakunze kugira ikibazo cy'amenyo, kuba nta muganga w'amenyo nakubwira ko biduteza igihombo nyamara twari dukwiye kwivuriza kuri mituweli, tekereza ko utega moto ugiye kwivuza mu baganga bigenga ko iryinyo ritesha umutwe, ugategesha ibihumbi 12, ujya i Musanze.”

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke bwo buvuga ko ikibazo cy'abaganga bavura amenyo bakiri bake kigishakirwa igisubizo, bakagana ibitaro bya Nemba, Gatonde na Ruli; nkuko Umuyobozi wa Gakenke Mukandayisenga Vestine abivuga.

Yagize ati: “Gahunda Igihugu gifite ni uko abaganga b'amenyo bazagera ku nzego zose z'ubuvuzi, iki kibazo na MINISANTE twabiganiriyeho, ikindi ni uko abatabona itike hari inzego zibishinzwe bazegera zikabafasha kubona itike yo kujya kwivuza.”

Akarere ka Gakenke gafite ibigo nderabuzima 23 ariko ntibigira serivisi z'ubuvuzi bw'amenyo, zikaba zitangirwa gusa ku bitaro bikuru bibarirwa muri aka Karere.

Gisagara: Ubworozi bw'amatungo magufi bwafashije guhangana n'imirire mibi

NYIRANEZA Judith

Abaturage bo mu Mirenge ya Gishubi na Nyanza yo mu Karere ka Gisagara bavuga ko ubworozi bw'amatungo magufi, by'umwihariko inkoko bwabafashije guhashya ikibazo cy'imirire mibi yagaragaraga mu miryango yabo.

Bavuga ko mu by'ukuri byoroshye kubona amagi yo guha abana bigahashya imirire mibi, babikesha korozwa n'umushinga PRISM, ushyirwa mu bikorerwa n'Ikigo gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB).

Nyirahabimana Jeannine yavuze ko ubworozi bwamufashije kurwanya imirire mibi.

yagize ati: “Nari mfite abana bari mu mirire mibi, ariko maze korozwa n'umushinga PRISM, noza imirire, abana bari baragwingiye mbabonera amagi yo kurya ndetse mbona amafaranga yo gushyira mu itsinda ryo kwizigama, kuri ubu abana bameze neza bavuye mu ibara

Ubworozi bw'inkoko bwabafashije kurwanya imirire mibi

ry'umuhondo kubera ko barya amagi n'imboga.”

Cyiza Narcisse utuye mu Kagari ka Nyaruteja, mu Murenge wa Nyanza mu Karere ka Gisagara avuga ko amatsinda 8 yageze aho yihuriza hamwe bakora ihuriro bagura ubworozi bw'inkoko.

Yagize ati: “Tworojwe inkoko n'umushinga PRISM, baha umuryango inkoko 10, twari mu matsinda 8. Ubusanzwe ino Nyaruteja inkoko zihagera ziturutse i Huye. Twaratekereje nk'amatsinda twihuriza hamwe ngo dutangire korora imishwi ibashe kuboneka hano muri kano gace ka Nyaruteja ndetse zizagera no mu Tugari tw'abaturanyi.”

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara Denise Dusabe yavuze ko ubworozi bw'amatungo magufi bufasha abaturage kunoza imirire.

Ati: “Akamaro k'ubworozi bw'inkoko by'umwihariko bifasha kurwanya ubukene n'imirire mibi. Umuntu ahereye ku nkoko 10, zamara gukura akagurishamo zimwe akabona amafaranga aguramo ingurube, gutyo gutyo hakaba n'abaguramo Inka.”

Yakomeje agaragaza uko korozwa byagabanyije igwingira mu bana.

Ati: “Aho PRISM iri iradufasha cyane cyane mu miryango yahawe inkoko haboneka amagi, bigira uruhare mu guhangana n'imirire mibi. Mu myaka 5 ishize twifashishije kino cyumweru cy'umubyeyi n'umwana kigenda kiba buri mwaka, hari aho tumaze kugera heza, kuko umwaka ushize ibipimo by'igwingira twari kuri 17,9% tuvuye kuri 31,6 %.”

Umuyobozi w'umushinga PRISM Joseph Nshokeyinka asobanura ko ubworozi bufite aho bwakuye abantu bari batishoboye, bakagera kuri byinshi.

Yagize ati: “Uhawe amatungo magufi aba amaze kwinjira muri 'business', yagiye mu buhinzi bw'imboga n'imbuto ngo ashobore kugermura ku isoko, ubu dufite abatangiye kugura inka bahereye kuri za nkoko icumi cyangwa se ku ngurube imwe umuntu yahawe.”

Umushinga PRISM wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI).

Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB). Umushinga ukorera mu Turere 15, ufite intego yo gusoza ugeze ku miryango 26 355.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

Ukuri kuzatsinda

Intambara ihatse izindi zose ku Isi iri hagati y'icyiza n'ikibi. Mu bibazo byose biba ku Isi usanga ukuri guhanganye n'ikinyoma, ariko ikibabaje ni uko ikinyoma cyamamazwa, kigashyigikirwa na benshi, ukuri kugapfukiranwa igihe kinini.

Nyamara abahanga mu bya Politiki, imitekerereze ya muntu ndetse n'imibanire, bagaragaza ko uko byagenda kose ukuri kudashobora gupfukiranwa. George Washington wabaye Perezida wa mbere wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA), yagize ati: “Amaherezo ukuri kuzatsindira ahari ababarizwa kugushyira ahagaragara.”

Imiyoborere yimakaje amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yatsinzwe n'abiyemeje kurenganyirizwa ukuri kugira ngo n'abandi batotezwaga bahorwa uko bavutse bongere kubaho batekanye mu gihugu abenshi bari bamaze imyaka irenga 30 barakivukijwemo uburenganzira.

Nyuma y'imyaka 30 ishize, amateka arongera kwisubiramo mu gihugu cy'abaturanyi cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho ingengabitekerezo ya Jenoside n'ubuhezanguni bushingiye ku ivanguramoko bwashinze imizi kubera abajenosideri bageze muri icyo gihugu bakarebera Abanyekongo mu ndorerwamo y'amoko yatumye u Rwanda rupfusha abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa.

Uko imyaka yagiye ihita indi igataha, ikibi cyavuye mu baturanyi cyakongejwe mu Banyekongo batangira kurebana ay'ingwe, barahigana, ibihumbi amagana y'abo mu bwoko bw'Abatutsi bamburwa uburenganzira kuri gakondo yabo bahungira mu bihugu bitandukanye birimo n'u Rwanda.

Bamwe mu barenganywa biyemeje guharanira ukuri, bemera gutangira urugamba rwo guharanira uburenganzira bwabo nk'Abanyekongo, banga kurebera abo mu miryango yabo bicwa agashinyaguro nk'ibyabaye mu Rwanda mu myaka isaga 30 ishize.

Mu kwamamaza uruhande rw'ikibi cyabuze icyicaro mu Rwanda, abagishyigikiye batangiye gufatanya n'Abajenosideri bashinja u Rwanda kuvogera ubusugire bwa RDC mu gihe ikiruraje ishinga ari ugukumira icyo kibi kimunga Igihugu.

Amahanga yose yahagurukiye gushyigikira ibinyoma byahimbiwe kuryamira ukuri k'uko hari abaturage bakeneye kubaho mu mahoro kuri gakondo yabo. Nk'uko amateka yagiye abigaragaza, ukuri burya ngo guca mu ziko ntigushye.

Intambara iri mu Burasirazuba bwa RDC, izasozwa n'uko n'ubundi ukuri kuzatsinda n'ubwo ikinyoma kitazashira burundu mu gihe urugamba hagati y'icyiza n'ikibi rudashobora kurangira mu Isi itarashiraho.

Sendika y'abashoferi b'amakamyo mu Rwanda itewe inkeke n'abayiyitiriye mu nzego

KAYITARE Jean Paul

Abanyamuryango ba Sendika Nyarwanda y'abashoferi batwara amakamyo Manini (ACPLRWA), batewe inkeke n'uko bamaze imyaka ikabakaba 15 iri mu gihirahiro kuko izina rya sendika yabo ryafashwe n'abandi batazi, bakaba basa n'abatereranywe kandi ari bo Sensika yari ishingiyeho.

Bamwe mu banyamuryango n'abayobozi batowe muri iyo Sendika, bavuga ko bahezwa mu gihirahiro n'uko hari zimwe mu nzego za Leta zemera ubuyobozi bwabo mu gihe izindi zitabwemera harimo n'Urugaga rw'Amasendika y'Abakozi mu Rwanda (CESTRAR).

Bafite impungenge ko Sendika ACPLRWA ishobora gusenyuka nyuma y'imyaka ikabakaba 34, igasimbuzwa indi yashinzwe n'abo batazi mu nyungu na zo badasobanukiwe.

Inyandiko Imvaho Nshya ifite igaragaza ko kuva 2006 kugeza 2011, Nishimiyimana Emmanuel ari we watowe nka Perezida wa ACPLRWA, Murenzi Théodore ahabwa akazi nk'Umunyamabanga wa Sendika.

Tariki 29 Nzeri 2011 Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye ubuyobozi bwa Sendika rusaba ko bwatumiza inama rusange kubera ibibazo byavugwaga mu buyobozi.

Raporo y'ubuhuza ku kibazo cya ACPLRWA, igaragaza ko umwe mu myanzuro yayo kwari uko ku itariki 02 Ukwakira 2011 hakwigwa hakanemezwa statut rusange y'ishyirahamwe ndetse hagashyirwaho n'ubuyobozi bushya.

Icyo gihe hatowe Tuzinde Narcisse nka Perezida wa Sendika y'abashoferi batwara amakamyo manini, manda ze ebyiri zarangiye mu 2022.

Kuva 2022 kugeza uyu ubu ACPLRWA iyoborwa na Kanyagisaka Justin na we watowe n'inteko rusange.

Guhindura sitati no kuba hari abashaka ko ACPLRWA yahindura izina biri mu byakuruye umwuka mubi, bituma hari ababyuririraho ngo iyi sendika iseswe.

Abanyamuryango bavuga ko batunguwe no kubona Murenzi ari Umunyamabanga Mukuru wa ACPLRWA, mu gihe itegeko rigenga sendika rigena Umunyamabanga.

Umukozi ushinzwe abakozi n'umurimo muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, yabwiye Imvaho Nshya ko muri ACPLRWA harimo amakimbirane kandi ko nta kanama nkemurampaka ifite ngo gashobore gukemura ibibazo bafitanye.

Icyakoze ubuyobozi bwa Sendika y'abashoferi batwara amakamyo manini, buhamya ko nta kibazo kiri muri iyi Sendika ahubwo ko hari abayobozi bashaka ko ihindura izina.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo MININFRA, yahamirije Imvaho Nshya ko ikorana na ACPLRWA mu izina rya Kanyagisaka Justin, nk'uhagarariye Sendika y'abashoferi byemewe n'amategeko.

Imvaho Nshya yabonye inyandiko igaragaza ko ubuyobozi CESTRAR yemera ari ubwa Nishimiyimana Emmanuel nka Perezida wa ACPLRWA, Mbabazi Olivier wungirije, Murenzi Théodore, Umunyamabanga Mukuru na Ruzindana Théoneste, umubitsi batowe muri manda ya 2006-2011.

Ni mu gihe sitati rusange ya sendika igena manda y'imyaka 5 ishobora kongerwa inshuro imwe.

Muri Mutarama 2010, ACPLRWA yandikiye CESTRAR iyisaba gutumiza inama rusange ariko ntiyasubizwa.

Kanyagisaka Justin watowe n'inteko rusange nka Perezida wa ACPLRWA tariki 15 Ukuboza 2022, yabwiye Imvaho Nshya ko basabye CESTRAR kubasura no kugaragarizwa komite nshya, ntiyabasura.

Akomeza agira ati: “Twasabye CESTRAR icyangombwa (Recommendation) tubwirwa ko twahindura izina kuko hari indi ACPLRWA iyobowe na Nishimiyimana na Murenzi nk'Umunyamabanga Mukuru.”

Ibaruwa ya CESTRAR yo ku wa 30 Nyakanga 2024 yandikiye isubiza ACPLRWA, igira iti: “Turabamenyesha ko dusanzwe dufite sendika yitwa ACPLRWA mu banyamuryango ba CESTRAR, twakurikiranye ishyirwaho ry'inzego z'ubuyobozi bwayo ndetse ikaba initabira buri gihe ibikorwa bya CESTRAR nk'uko bisanzwe kimwe n'izindi sendika zose zigize CESTRAR.”

Africain Biraboneye, Umunyamabanga Mukuru w'Urugaga rw'Amasendika y'Abakozi mu Rwanda (CESTRAR), yabwiye Imvaho Nshya ati: “Dosiye yatangiye gukorwaho n'umunyamategeko watwandikiye tukamusubiza, k'uburyo numva nta kindi twayitangazaho mu gihe byafashe iyo nzira.”

Sendika y'abashoferi batwara amakamyo Manini ACPLRWA, yatangiye mu 1991 itangirana abanyamuryango shingiro 144 nkuko bigaragara mu igazeti ya Leta yasohotse tariki 15 Ugushyingo 1992.

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

Ingengo y'Imari yiyongereyeho miliyari 126,3Fwr igera kuri miliyari 5 816,4

Abadepite bemeje ingengo y'imari ivuguruye

NYIRANEZA Judith

Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite yemeje itegeko rivugurura Ingengo y'Imari ya Leta ya 2024/2025, iva ku mafaranga y'u Rwanda miliyari 5.690 ikagera kuri miliyari 5.816,4 Frw hakaba haziyongeraho miliyari 126,3 Frw.

Ni kuri uyu wa Kane tariki ya 20 Gashyantare 2025, nyuma yo kugezwaho raporo ku ngendo Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta yakoreye mu Turere twose n'Umujyi wa Kigali muri Mutarama uyu mwaka, isuzuma igipimo cy'ikoreshwa ry'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2024/2025.

Kwiyongera kw'ingengo y'imari bigamije gutuma ibikorwa byari biteganyijwe bizakorwa.

Iyo raporo yagaragaje ko kugera ku ya 31 Ukuboza 2024 ingengo y'imari yari imaze gukoreshwa kugera kuri 43%. Muri Mutarama ubwo basuraga ikoreshwa ryayo ryari rigeze kuri 44,5% naho ubu muri Gashyantare 2025, basuzuma basanze igipimo cyarazamutse kigera kuri 68% .

Itegeko rihindura itegeko rigena ingengo y'Imari ya Leta ya 2024/2025, rigaragaza igabanyuka ry inkunga z'amahanga n'imisoro byari bitegnyijwe ahubwo inguzanyo zo zikaziyongeraho miliyari 184,3%.

Kwiyongera kw'ingengo y'imari bizatuma hari ibikorwa bizazamurirwa amafaranga, urugero nko muri gahunda ya Nkunganire Smart Phone ku ifumbire yagenewe miliyari 10 z'amafaranga y'u Rwanda.

Bimwe mu bibazo byagaragaye harimo kuba hari amafaranga atarakoreshejwe kubera impamvu zitandukanye nk'imishinga yabaga yatangiye kandi itarakorewe inyigo, cyangwa se yarakozwe nabi, bikaza kugaragara ko hakenewe kongera amafaranga, gutinda gutanga amasoko no gutinda gushyirwa mu bikorwa.

Nyuma yo gusesengura iyi raporo, Abadepite basabye Minisitiri w'Intebe gusaba Minisiteri zitandukanye bireba kwita ku bibazo byagaragajwemo, bijyanye n'igenamigambi ryazo no mu itegurwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 n'iy'igihe giciriritse (MTEF 2025/2026-2027/2028).

Aha ni mu cyanya cy'inganda i Kanyinya

Kigali: I Kanyinya hagiye kubakwa icyanya cy'inganda zoroheje cya miliyari 210Frw

ZIGAMA Theoneste

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), yatangaje ko i Kigali mu Karere Nyarugenge, ahazwi nka Kanyinya, hagiye kubakwa icyanya cyahariwe inganda zoroheje, cyitezweho guteza imbere ako gace.

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda basabye abashoramari gutangira gushora imari mu icyo gice hubakwa inganda nshya.

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) Sebahizi Prudence, yatangarije itangazamakuru ko ibikorwa by'ibanze byo guteza imbere icyo cyanya byarangiye, birimo guca imihanda, no kugaragaza ibibanza.

Nkuko igishushanyo mbonera cy'imiturire mu Mujyi wa Kigali kibigaragaza, ako gace gafite hegitari 73, nibura izingana na 15,43% zagenewe kubakwamo ibikorwa remezo.

Minisitiri Sebahizi yagize ati: "Umujyi wa Kigali ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka barimo kwiga ku buryo ibyangombwa by'ubutaka byavugururwa."

Muri icyo cyanya cy'inganda cya Nzove, biteganyijwe ko kizashyirwamo inganda zitangiza ibidukikije, ziganjemo izitunganya umusaruro, w'ubuhinzi, izitunganya imigati, ububiko bw'ibikoresho by'ubwubatsi, ibijyanye n'ububajiji n'ibijyanye na sitatiyo za Lisansi.

Ni agace k'inganda kanagamije gukurura ishoramari mu nganda zitunganya ibiribwa, laboratwari z'ubushakashatsi, inganda ziciriritse zikora ibikoresho bitandukanye n'ahateranyirizwa ibikoresho, serivisi zijyanye n'imodoka (aho zogerezwa, aho bazisana, ndetse n'amahugurwa y'ubukanishi), ndetse n'ububiko bw'ibicuruzwa bitandukanye (ibikoresho byo mu rugo, ndetse n'ibikoresho by'imashini).

Minisitiri Sebahizi yagize ati: "Nta gahunda yo kwimura abaturage iteganyijwe. Ba nyir'ubutaka bazabukoresha mu guteza imbere uwo mushinga cyangwa babugurishe abashoramari babikeneye. 15,43% by'ubutaka buzubakwaho ibikorwa remezo."

Mu rwego rwo guteza imbere inganda, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire (Rwanda Housing Authority) cyatangaje ko mu myaka 30 iri imbere, leta izashyira ahagaragara hegitari zirenga 9,000 hirya no hino mu gihugu, zigenewe abashoramari bashaka kubaka inganda mu mijyi itandukanye.

Muri gahunda nshya, hegitari 233 zizagenerwa ibyanya by'inganda mu Mujyi wa Kigali, hegitari 908 zigenerwe ibyo byanya, mu Karere ka Muhanga, hegitari 1,226 mu Karere ka Rwamagana, ndetse na hegitari 1,483 mu Karere ka Bugesera.

Nibura, hegitari 605 zizagenerwa ibyanya byahariwe inganda mu Karere ka Nyagatare, hegitari 151 mu Karere ka Huye, hegitari 333 mu Karere ka Rubavu, hegitari 288 mu Karere ka Rusizi, hegitari 424 mu Karere ka Musanze, hegitari 238 mu Karere ka Kirehe, hegitari 341 mu Karere ka Karongi, ndetse na hegitari 143 mu Karere ka Nyabihu.

Inama y'Abaminisitiri yemeje Politiki yo guteza imbere Inganda mu Rwanda, igamije gufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'icyerecyo cya 2050 cy'u Rwanda, aho u Rwanda ruzaba ruri mu bihugu biteye imbere, birangwa no kugira iterambere ryihuta no gufasha abashoramari guhangana n'isoko mpuzamahanga.

Musanze: Agahinda k'abatakigoheka kubera inganda ziconga amakoro zibajagaraza

NGABOYABAHIZI Protais

Abaturiye uruganda rutunganya amapave ruyakuye mu makaro, mu Kagari ka Buramira, Umurenge wa Kimonyi, Akarere ka Musanze, babangamiwe n'uruganda rusya amabuye y'amakoro ruyakuramo amapave asaswa mu muhanda, kubera urusaku n'umwanda rubateza.

Bivuza ko izo nganda zikwiye gukurwa mu baturage zikajyanwa mu cyanya cyahariwe inganda, cyane ko kugeza ubu hakiri imyanya ihagije yo kubakamo inganda zitandukanye ahabugenewe.

Nyiramana Didacienne avuga ko bamaze imyaka igera kuri itatu bahanganye n'iki kibazo, ariko ngo nta muti urambye bahabwa uretse kubwirwa ko kizakemuka mu minsi iri imbere.

Yagize ati: "Uru ruganda rusakuza ku manywa na nijoro batangira gusya amabuye kuva sa kumi n'imwe. Ntabwo umuntu yaba agisinziye, ku manywa abana ntibasinzira cyangwa se ngo basubire mu masomo, kubera ukuntu imashini za hano ziba zifite urusaku rukarata n'amazi akoreshwa muri uruganda yanduza umugezi wa Mutobo."

Nyirarwangano Collete we avuga ko ku manywa atirirwa mu rugo kubera ko uru ruganda rwatumye atacyumva neza, cyane ko ruri muri metero 20 uvuye ku nzu ye.

Yagize ati: "Izi mashini uko zigenda zisya ariya mabuye n'ukuntu zigira urusaku rukorogoshora mu mutwe, napfuye amatwi kuko n'aho ngiye hose mba numva urwo rusaku, nahisemo kujya ngera hano mu gihe cya samoya za nimugoroba. Usanga muri rusange rutubangamiye, kandi iki kibazo twakibwiye abayobozi, ikibazo ni uko tuhabona abakozi gusa ariko ntitubone nyirarwo."

Marcelin Ndayambaje we avuga ko ibyo abaturage bavuga bidafite ishingiro kuko ari we umaze ukwezi akodesha urwo ruganda.

Yagize ati: "Twebwe twarakodesheje ntabwo mu gihe cy'imyaka 3 nari natangiye kuhakorera, ikindi ni uko atari twebwe dukorera mu ngo z'abaturage twenyine. Haracyari ikibazo cy'inganda nk'uru rwacu zikinyanyagiye mu ngo z'abaturage. Tubonye uburyo twajya mu cyanya cy'inganda ariko nanone tugiye kuganiriza abaturiye uruganda rwacu."

Abasya amabuye mu ngo babangamira abaturage, basabwa kujya mu cyanya cy'inganda

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, avuga ko mu minsi ishize iki kibazo bakiganiriye na ba nyiringanda babamenyesha ko bakwiye kuzimura.

Yagize ati: "Iki kibazo twakiganiriyeho n'aba bose bafite inganda, hari bamwe bakomeje gutsimbarara kuko bitwaza ko bakorera mu masambu yabo. Dukomeje kubasaba ko bajya gukorera mu cyanya cy'inganda, ubu tugiye gukurikirana turebe kandi ubuzima bw'umuturage ni bwo mbere na mbere ubuyobozi bwimirije imbere."

Izi nganda ziconga amabuye mu Karere ka Musanze ziri mu ngo z'abaturage ziboneka mu Mirenge ya Muko, Nkotsi, Muhoza na Kimonyi.

Rutsiro: Arashima ko Girinka imaze kumugeza kuri butike ya 2 000 000 Frw

Girinka yamugejeje kuri butiki ya 2 000 000

KWIZERA Jean de Dieu

*N*yirashuri Claudine wo mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Mushubati, Umudugudu wa Gitega arashima ko inka yahawe muri 'Gahunda ya Girinka' mu mwaka wa 2017 yamufashije kugera ku iterambere ririmo na butike yaguze igeze kuri miliyoni 2 ndetse agasana n'inzu atuyemo.

Uyu mubyeyi wagize ibyago umugabo we agapfa, yagaragarije Imvaho Nshya ko ubuzima bwe bwahindutse akimara guhabwa inka kuko ngo yakoresheje ifumbire yabonaga, akagurisha amata akabona kujya mu kimina cyo kwizigama kikaza kumufasha kwagura ubuhinzi bwe bw'ikawa n'ubucuruzi bwe bwari bwaranze kuzamuka kuko yakoreraga mu kazu gato yishyuraga amafaranga y'u Rwanda 1 000 ku kwezi.

Yagize ati: "Mbere y'uko bayimpa nari mbayeho mu buzima bwo kujya guhingira amafaranga kugira ngo mbone uko ntunga abana. Iyo nabaga nagize umugisha abantu bakampa ibiraka ku cyumweru nabashaga gukoreramo nk'ibihumbi bitatu ariko akambana make cyane."

Kubera ubuzima bwari bugoye rero nta n'umugabo mfite, abaturanyi baje kumpitamo bantoranya mu bo guhabwa inka muri Gahunda ya Girinka, ntangira Korora, ikampa ifumbire nko ku Cyumweru bakampa nk'ibihumbi 5 ariko nanjye nza gushaka umurima wa tugabane (w'uruterane) nkajya nshyiramo kuri iyo fumbire nkabonamo ibishyimbo."

Akomeza agira ati: "Nyuma yo guhabwa inka uruterane nahinze natangiye kujya nkuramo nk'umufuka kuko mbere imbogamizi kwari ukubona ifumbire."

Akomeza avuga ko inka ya mbere yabonye imaze kubyara iyo ibyaye igakura 2020 yahise ayigurisha bamuha 420 000 Frw, akuramo 250 000 Frw aguramo urutoki hasigara 170,000 aranguzamo 100,000 Frw ibicuruzwa byo muri butike hasigara ayo yaguzemo umunzani no kwishyura akazu yahise atangira gukoreramo.

Ati: "Kuva ubwo naratangiye ndacuruza, mbona biremeye ubundi nkajya nkuramo amafaranga yo kurihira umwana, nkakuramo ibibatunga, na rwa rutoki rukajya rwera gake gake ubundi ntangira kujya mu matsinda aho nizigamaga 3 300Frw buri cyumweru yavaga mu yo nacuruzaga."

Rusizi: Bababazwa na sitade iva n'ikibuga cyayo cyabaye intabire

BAHUWIYONGERA Sylvestre

Abaturage b'Akarere ka Rusizi bavuga ko bababazwa n'uko sitade ya Rusizi isigaye iva iyo imvura iguye bamwe mu bayirimo bakabura aho bugama, n'ikibuga cyayo kikaba cyarabaye nk'intabire, imvura yagwa ukaba utagitandukanya n'ikiyaga.

Iyo imvura ibaye nyinshi cyane abakinnyi bavamo

Bavuga ko abenshi batakirirwa bayizaho mu bihe by'imvura, haba kureba umupira cyangwa ibindi birori, batinya ko yahabanyagirira bakabura aho bugama, kuko iyo ibaye nyinshi.

Niyorukundo Fidèle w'imyaka 23, yagize ati: "Twe abakiri bato biratubabaza cyane rwose. Ntitugira aho kugaragariza impano zacu kuko usanga ahandi sitade iba ifite ibice byinshi bikinirwaho, abakina imikino ngororamubiri bakabona aho bakorera, iy'intoki ni uko, ikibuga kikaba kiriho ibyatsi byiza."

Niyonsaba Jean Marie Vianney na we w'imyaka 23, ati: "Nk'ubu twari twaje kureba umukino wa nyuma w'Umurenge Kagame Cup, umupira w'amaguru wahuje Gihundwe na Kamembe. Ni amakipe yombi y'umujyi."

Nk'uko Imvaho Nshya yabisobanuriwe n'uwabaye umukinnyi wa Espoir FC kuva mu 1992, ari ingimbi, Kajigo Djuma, avuga ko sitade itakijyane n'igihe.

Ati: "Mu by'ukuri ni agahinda. Urubyiruko, abasaza, abakecuru, n'abari mu myaka yo hagati bakunda kwidagadura turababaye cyane. Ikibuga gisa nk'aho ari cyo cyonyine mu mujyi, gikinirwaho n'amakipe yose y'uyu mujyi, nta handi binyagamburira, nticyabura kuba intabire, ngo imvura nigwa kibe nk'ikiyaga nk'uko mubyibonera."

Nsabimana Théodore w'imyaka 57, wayikiniyeho igihe kirekire akanaba umusifuzi w'amakipe menshi yahakiniye, avuga ko ubu kitakiri ikibuga.

Ati: "Iki kibuga mbere cyari cyiza cyane n'amakipe y'ahandi nka za APR FC, Rayon sports n'andi ahagera akagishima, gifite ubwatsi bw'umwimerere bwiza. Bwaje kuvaho bateramo umucaca na wo uvamo, ubu ni imbuga iri aho gusa, iyo imvura iguye amazi yuzuramo."

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Rusizi, Habimana Alfred, na we yemera ko iyi sitade imeze nabi, ariko agatanga icyizere cy'isanwa ryayo mu bihe bya vuba.

Ati: "Iyi sitade imeze nabi twese turabibona ariko hari gahunda yo kuyivugurura mu minsi mike iri imbere ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu bya siporo. Turizeza abaturage ko bigiye kwitabwaho ku buryo abakinnyi bazajya bakinira ahameze neza, ababafana n'abayobozi bitabiriye."

Rutsiro: Ikorwa ry'umuhanda Mushubati-Nkora ryaciye itiyo none banywa ibiziba

Babuze amazi kubera ko itiyo yacitse

KWIZERA Jean de Dieu

Abaturage bo mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Mushubati, Akagari ka Sure, Umudugudu wa Kaduha barasaba gusubizwa amazi yahagaritswe n'icika ry'amatiyo yabagemuriraga amazi ubwo bakoraga umuhanda Mushubati -Nkora.

Abo baturage bagaragaza impungenge z'indwara zikomeye bashobora kurwara mu gihe nta cyaba gikozwe ngo babone amazi, bakaba basaba inzego bireba gusana ayo matiyo bakongera kubona amazi meza.

Uwaganiriye na Imvaho Nshya yagize ati: "Gera hariya urebe, itiyo yaduhaga amazi hano barayitemye kuva icyo gihe tubura amazi kandi hari gushira nk'imyaka ibiri. Ubuyobozi buzi iki kibazo kuko tukimenyekanisha buri munsi."

Undi yagaragaje ko babangamiwe cyane no kubona bo n'abana babo banywa amazi mabi agasaba ko bakorerwa itiyo n'imigezi yangijwe n'ikorwa ry'umuhanda ikongera gusanwa.

Ati: "Itiyo barayiciye, n'umugezi bawurundaho itaka, kugeza ubu abana bacu natwe ubwacu turi kunywa inzoka zo mu mazi atemba. Ubuyobozi budufashe turebe ko twakongera kuvoma amazi meza."

Bagaragaza ko kuva itiyo bayica irambitse ku nzira.

Mugwaneza Noelina yagize ati: "Itiyo irambitse hejuru y'umuhanda aho yatemewe, nyamara bashobora kureba ahandi bayinyuza ariko amazi akatugeraho kuko dufite impungenge z'uko tuzarwaza indwara tutazi tukazandura kuko tunywa amazi mabi".

Umuyobozi wa WASAC mu Karere ka Rutsiro Mudacumura Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko mu cyumweru gitaha abo baturage bazaba bamaze kubona igisubizo cy'amazi babuze.

Ati: "Amatiyo yagiye acibwa n'Abashinwa bari gukora umuhanda ariko turafatanya n'Akarere turebe ko mu cyumweru gitaha abaturage baba bamaze kubona igisubizo cy'amazi."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Uwizeyimana Emmanuel, yavuze ko hari itsinda ryashyizweho kugira ngo rirebe uburyo aba baturage baba bahawe amazi mu gihe ibikorwa by'umuhanda bitari byarangira.

Ati: "Icyo kibazo twarakimenye ndetse ubu twamaze gushyiraho itsinda ririmo kureba uburyo abo baturage twaba tubahaye amazi mu gihe ibikorwa byo kubaka umuhanda bitari byarangira. Turimo kureba aho twaba tunyujije ayo matiyo kugira ngo babe babonye amazi."

Abaturage basaba amazi ni abo mu Murenge wa Mushubati, Akagari ka Sure Umudugudu wa Kaduha, ahari kubakwa umuhanda ugeze ku gipimo cya 44% ndetse biteganywa kuba waruzuye muri Kanama uyu mwaka.

Ruhango: Ntibagikinga inzu Abajyanama b'ubuzima baje gutera umuti urwanya malariya

Abaturage ntibakihisha abaza gutera imiti irwanya malariya mu nzu

UWIZEYIMANA Aimable

Bamwe mu Bajyanama b'Ubuzima mu Karere ka Ruhango bavuga ko bashima ko abahatuye bamaze kumva neza akamaro ko guterwa umuti wa malariya bitandukanye na mbere babonaga Umujyanama w'ubuzima aje gutera umuti bagakinga inzu zabo.

Nyiraminani Floride ni umwe mu Bajyanama b'ubuzima mu Karere ka Ruhango, avuga ko imyumvire y'abatuye ako Karere ku kijyanye no kurwanya malariya yahindutse batagikinga inzu babonye abaje gutera umuti urwanya malariya.

Ati: "Mbere twajyaga gutera umuti wica imibu itera malariya, batubona bagahita bakinga inzu, wahagera bakakubwira ko atariho iwabo abahatuye badahari. Gusa kuri ubu ndashima ko iyo myumvire yahindutse nyuma y'uko abayobozi bagiye babaganiriza mu bihe bitandukanye ko kurwanya malariya ari inshingano zabo kurusha kuba iz'abayobozi gusa."

Undi mujyanama b'ubuzima mu Murenge wa Mwendo, avuga ko usibye kubona abaje gutera umuti bagakinga mbere no kuryama mu nzitiramibu kuri bamwe batabikozwaga.

Ati: "Wowe uravuga gukinga batubonye turi kumwe n'abaje gutera umuti wica imibu itera malariya, ibyo byari byoroshye kuko iyo wajyaga kureba niba inzitiramibu bazikoresha bakubwiraga ko bagize amahirwe babona inzu z'inkoko.

Gusa kuri ubu iyo myumvire yarahindutse kuko iyo babonye abaje gutera umuti babakira neza ndetse natwe twabateguza gutunganya inzu kugira ngo batererwe umuti bakabikora mbese imyumvire yarahindutse ku buryo n'inzitiramibu basigaye bazikoresha icyo zagenewe."

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Mukangenzi Alphonsine avuga ko imyumvire koko y'abatuye ako Karere mu kurwanya malariya yahindutse.

Ati: "Ni byo abatuye Akarere kacu imyumvire yarahindutse mu kurwanya malariya, kuko nk'ubu mu myaka ya za 2019-2020, Akarere kacu kari mu Turere dutatu twa mbere twari turwaje malariya cyane, ariko kuri ubu turi mu Turere tune twa mbere tutarwaje malariya. Urumva rero ko imyumvire y'abatuye akarere kacu ka Ruhango yahindutse."

Imibare igaragara mu gatabo ka sobanukirwa ingengo y'imari y'umwaka wa 2024/2025, igaragaza ko umwaka ushize w'ingengo y'imari wa 2023-2024, mu rwego rwo kurwanya malariya hatewe imiti yica imibu mu ngo 1 218 800 zo mu Turere twa Nyagatare, Kirehe, Ngoma, Nyanza, Gisagara, Kayonza, Kamonyi, Ruhango, Rwamagana na Bugesera.

Imiyoboro icamo imyotsi yo mu gikoni yarazibye bakazabiranywa n'imyotsi

Rutsiro: Abatuye Umudugudu w'Icyerekezo wa Gitega barembejwe n'imyotsi

KWIZERA Jean de Dieu

Abaturage batuye mu Mudugudu w'Icyerekezo wa Gitega, mu Murenge wa Mushubati, barasaba ko bafashwa kuvugururirwa inzu zabo by'umwihariko imiyoboro icamo imyotsi yo mu gikoni kuko ngo iyo batetse itajya ibona uko isohoka bakaba bakurizamo n'uburwayi.

Abo baturage bagaragaza ko batishoboye, ngo bagejeje iki kibazo ku buyobozi ubwa mbere bujya kubasanira ariko ngo ntibyagira icyo bitanga n'ubundi imyotsi iba myinshi.

Umuturage utuye muri uwo Mudugudu w'Icyitegererezo wa Gitega, yagize ati: "Aha tuhamaze imyaka irindwi ariko turembejwe n'imyotsi cyane kubera yuko imiyoboro y'umwotsi, yubatse nabi. Ntabwo umwotsi uzamuka ngo ucemo hariya hejuru ahubwo urasohoka ugaca mu muryango undi ukajya mu nzu imbere".

Yakomeje agira ati: "Bari bagerageje kujya baza kudusura bakatubwira ngo bazatuvugururira birangira batabikoze. Mbese ni uguhora baturerega."

Undi yagize ati: "Hari igihe umwana agira ngo agiye kwenyegeza inkwi, agasohoka amaso ye ameze nk'ay'umunywi w'itabi cyangwa inzoga, mbese yakanutse nanjye najyamo bikaba uko, baraje rimwe barabikora ntihagira icyo bitanga ariko nabwo hashize igihe."

Abo baturage bahuriza ku cyo kuba binabatera umwanda kubera ko imbere y'inzu zabo zose, hagaragara umwotsi mwinshi ku buryo wagira ngo batwikiramo amakara.

Ati: "Ni umwanda, nibadufashe bavugurure iyo miyoboro, nibura umwotsi ujye ubasha gutambuka."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Umuganwa Marie Chantal, yabwiye Imvaho Nshya ko kimwe n'ibindi bibazo biri muri uyu Mudugudu, Akarere kamaze gukora isuzuma ryabyo kugira ngo bivugururwe.

Yagize ati: "Mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Gitega hakozwe isuzuma ry'ibibazo birimo bikenewe gukemurwa ndetse bimwe byatangiye gukemurwa ibindi na byo twababwira ko ari vuba."

Uwo Mudugudu uherereye mu Murenge wa Mushubati, Akagari ka Mageragere mu Karere ka Rutsiro.

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
UMURENGE WA KACYIRU
Tel: 0788304668

E-mail: kacyirusector@yahoo.com

ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kacyiru buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira:

No	NOMERO IRANGA ISOKO	IZINA RY'ISOKO	IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSIYE	IGIHE CYO GUFUNGURA AMABARUWA ARIMO IBICIRO	AHO AMAFARANGA AZATURUKA
1	TN/010/KACY/ 2023-2024	Decoration and sound system	Le 14/03/2025 saa ine (10h00)	Le 14/03/2025 saa tanu (11h00)	Umujyi wa Kigali
2	TN/011/KACY/ 2024-2025	Reception of Kacyiru guests (Restorant)	Le 14/03/2025 saa ine (10h00)	Le 14/03/2025 saa tanu (11h00)	Umujyi wa Kigali
3	TN/014/KACY/ 2024-2025	Supply of construction materiels	Le 14/03/2025 saa ine (10h00)	Le 14/03/2025 saa tanu (11h00)	Umujyi wa Kigali

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **14 Gashyantare 2025** ku biro by'umurenge wa Kacyiru bamaze kwishyura amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi by'amafaranga y'U Rwanda (**10.000 frw**) kuri konti y'ikigo cy'imisoro n'amahoro(RRA).

Bikorewe Kacyiru kuwa 13/02/2025

URUJENI Gerturde

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Umurenge wa Kacyiru

ITANGAZO

REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL POST OFFICE

Kigali, on 13 FEB 2025
Our ref N° 148 /NPO/02/025/DG

E-mail : info@i-posita.rw
Website : www.i-posita.rw
Call Phone Number: + 250 783828253

INVITATION TO BID

The National Post Office (NPO) invites sealed bids from eligible and qualified bidders for the provision of goods and services for the tenders mentioned in the table below:

S/N	Title of tender	Tender Number	Deadline for submission	Time and date of Bids opening	Date of site visit
1	Security Services of the NPO'S Head Office	N°11/2025/NPO	7th March 2025 at 11:00 am prompt local time	7th March 2025 at 11:30 am prompt local time	-
2	Execution of Court Judgment and Decision	N°16/2025/NPO	7th March 2025 at 11:00 am prompt local time	7th March 2025 at 11:30 am prompt local time	-

The participation in the competition is open to all persons or companies who are specialized in the domain.

The tender documents can be obtained from the Office of the Procurement Officer of the National Post Office located at Muhima Tel.: +250 [illegible] from February 14, 2025, during working hours upon presentation of proof of payment of non-refundable amount equal to Ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000), on the account N° [illegible] of the National Post Office opened at Bank of Kigali (BK).

The date for submission is mentioned in the table above.

Tenders will be submitted to the Director General of the National Post Office on the dates and time mentioned in the table above. Late bids will be rejected. The bids opening session will take place at National Post Office Board room in the presence of bidders or their representatives.

KAYITARE Célestin
Director General

Twitter.com/iposita_rwanda
Facebook.com/iposita.npo
EMS Mail - Parcel Express Service
Compte Chèques Postaux
Crédit et Epargne
Money transfer - Forex

ITANGAZO RY'ISOKO

WASAC Utility
Water & Sanitation Corporation

TENDER NOTICE (TN) / INVITATION FOR BIDS (IFB)

TITLE OF THE TENDER: CONSTRUCTION OF 70 TOILETS TO BE CONSTRUCTED AND 11 TO REHABILITATE IN DIFFERENT BRANCHES AND WTPS STATION

TENDER: N°11.07.051/123/24-25/W/PSCM-UM-MD-GU/lnv

1. The WASAC Utility Ltd (hereinafter called "Client") funded by WASAC Utility Budget towards the cost of **CONSTRUCTION OF 70 TOILETS TO BE CONSTRUCTED AND 11 TO REHABILITATE IN DIFFERENT BRANCHES AND WTPS STATION**. The client intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the contract for which this bidding document is issued.
2. The WASAC Utility Ltd invites eligible bidders to submit bids for the **CONSTRUCTION OF 70 TOILETS TO BE CONSTRUCTED AND 11 TO REHABILITATE IN DIFFERENT BRANCHES AND WTPS STATION**. As indicated in detail in the statement of requirements.
3. The tender is made of seven (7) divisible lots. Bidders may submit on all lots and a successful bidder can be awarded only three (3) lots in case a certain company wins all lots.
4. The tender documents can be obtained from the Purchase and Supply Chain Management Services office at WASAC Utility Head Office, centenary house, P.O BOX 2331, Kigali, Rwanda Tel: +250788181427, E-mail: uprocurement@wasac.rw, upon presentation of proof payment of a non-refundable fee of ten Thousand Rwandan Francs (10,000 FRW) on the Account N° 100009564367 opened at the Bank of Kigali, Avenue de la Paix, P.O. Box 175 Kigali, Rwanda, Swift code: BKIGRWRW with Ref: [illegible].
5. All bids "shall" be accompanied by an original Bid Security from Bank or any other financial institution as follow:
   a. **Lot.1: Seven Hundred Eight Nine Thousand Five Hundred Rwandan Francs (789,500 Frw);**
   b. **Lot.2: No bid security required;**
   c. **Lot.3: No bid security required;**
   d. **Lot.4: No bid security required;**
   e. **Lot.5: Nine Hundred Twenty-Six Thousand Nine Hundred Thirty-Seven Rwanda Francs (926,937 Frw);**
   f. **Lot.6: No bid security required;**
   g. **Lot.7: No bid security required;**
6. Enquiries regarding this tender may be addressed to **Ag. Purchase and Supply Chain Manager Office, P.O Box 2331, KN4 Av 8, HQ, Centenary house, Nyarugenge District, Kigali City, Rwanda, Tel. (+250)788401152; E-mail: uprocurement@wasac.rw**
7. Well printed bids, properly bound and presented in 2 copies one of which is the original must reach the address mentioned above not later than 05/03/2025 at 10:00 am (local time). Late bids will be rejected and returned unopened. The bids will remain valid for 120 days starting from the deadline of the submission.
8. Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend, at 05/03/2025 at 10:30 am Local time.
9. The outer envelope should clearly indicate the tender name and title.
10. Bidding will be conducted in accordance with WASAC procurement procedures manual.
11. Bidders are allowed to bid for all lots but will be awarded no more than Three (3) Lots.

Done at Kigali on 11/02/2025

Gisele UMUHUMUZA
Managing Director

KN4 Av8, Centenary House, Nyarugenge, Kigali - Rwanda
(+250)788181427 | info@wasac.rw | www.wasac.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA GATSATA

Ref. N° 458/07.01.02/2025 Kigali, ku wa 10/02/2025

ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gatsata buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira :

Nimero y'isoko	Izina ry'isoko	Igihe ntarengwa cyo gutanga amabaruwa	Igihe cyo gufungura amabaruwa	Aho amafaranga azaturuka
TN004/GATS/ 2024-2025	Kugemura ibikoresho byo mu biro by'Umurenge wa Gatsata.	05/03/2025 Saa yine za mugitondo (10h00)	05/03/2025 Saa yine na cumi n'itanu za mugitondo (10h15)	Umurenge wa Gatsata

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera ku itariki ya **12/02/2025** mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gatsata nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu **(5000FWR)** adasubizwa kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro **(RRA)**.

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (1) n'amakopi abiri (2) agomba kuba yageze ku biro by'Umurenge wa Gatsata bitarenze tariki ya **05/03/2025 saa yine zuzuye (10h00)**.

Gufungura amabahasha bizakorerwa mu ruhame uwo munsi **saa yine na cumi n'itanu (10h15)** muri salle mo y'Umurenge.

Bikorewe i Gatsata ku wa 11/02/2025

MUKANKURUNZIZA Léoncie
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Umurenge wa Gatsata

Akarere ka Gasabo B.P 7066 Kigali | Hotline: 1520 | info@gasabo.gov.rw | www.gasabo.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, Kuwa 06/02/2025

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA NYARUGENGE
UMURENGE WA KIGALI
Telephone: 0788752866/0783610138

ITANGAZO GUTANGA AMASOKO YA LETA

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kigali bunejejwe no gutumira ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, kuza gupiganira isoko riri mu mbonerahamwe ikurikira:

Izina ry ' isoko	Nimero y'isoko	Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa	Itariki n'isaha ntarengwa yo kwakira inyandiko z'ipiganwa	Itariki n'isaha ntarengwa yo gufungura inyandiko z'ipiganwa
Isoko ryo gukusanya no gutwara imyanda yo mungo mu Murenge wa Kigali.	N° 009/KGLI/2024-2025	10.000 Frw	27/02/2025, Saa y'ine (10h0), mu biro by'Umurenge wa Kigali, mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Kigali.	27/02/2025, Saa y'ine n'igice (10h30), mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kigali

Abubyifuza barasabwa kuza gutwara inyandiko zikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge wa Kigali kuva kuwa 10 /02/2025, mu masaha y'akazi, nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi (10.000 Frw), adasubizwa kuri konti ya RRA iri muri banki y'ubucuruzi iyo ariyo yose. Inyandiko zigaragaza ibiciro, ziherekejwe n'ibyangombwa, bisabwa mu mabwiriza, zizakirwa ku itariki n'isaha byagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru.

Bikorewe i Kigali kuwa 06/02/2025

NYIKANGURA Jean
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Umurenge wa Kigali

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

AKARERE KA KICUKIRO
UMURENGE WA KAGARAMA
Tel: 07884229069
Email : kagarama@kicukiro.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

Umurenge wa Kagarama uratumira ba rwiyemezamirimo, amakoperative na kampani zujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

N°	Izina ry'isoko	Numero y'isoko	Itariki yo kwakira ibitabo	Itariki yo gufungura ibitabo
1	Isoko rya Decoration na sonolization	No:01/S/2024-2025/KAGARAMA -SECTOR	07/03/2025 saa 10:00AM	07/03/2025 saa 10:30AM
2	Isoko ryo gukorera serivisi z'ubukanishi imodoka y'Umurenge wa Kagarama n'ibikoresho bijyanye na byo	No:02/W/2024-2025/KAGARAMA -SECTOR	07/03/2025 saa 10:00AM	07/03/2025 saa 11:30AM

Inyandiko z'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kagarama mu minsi yose y'akazi guhera kuwa 05/02/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga **10000frw** adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority. Kwakira inyandiko z'ipiganwa biteganyijwe ku matariki yagaragajwe mu mbonerahamwe, mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kagarama, bikazabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kagarama.

Bikorewe Kagarama kuwa 04/02/2025

UWAMWIZA M. Chantal
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kagarama

Website: www.kicukiro.gov.rw Email: **kagarama** @kicukiro.gov.rw Tel 0788429069

ITANGAZO RY'ISOKO

Rwanda Defence Force
Military Health Service
Rwanda Military Referral and Teaching Hospital

30 January 2025

INVITATION TO PUBLIC TENDER

Rwanda Military Referral and Teaching Hospital (**RMRTH**) invites qualified bidders to submit bids for the following tender:

S/#	REFERENCE N°	TITLE OF THE TENDER
01	001/2025/S/NCB/RMRTH	TENDER FOR SUPPLY OF LAUNDRY DETERGENT AND HYGIENE MATERIALS AT RMRTH

All interested bidders can obtain the Tender documents from Rwanda Military Referral and Teaching Hospital Procurement office on any working day starting from **4th[th] February 2025**, upon presentation of proof of payment of non refundable fee of **10,000Rwf**. The money must be deposited at Rwanda Revenue authority account.

Bidders must attach an original bid security issued by a reputable bank or an insurance company equivalent to **2%** of the bid amount. The bids will remain valid for **120 days** starting from the deadline of bids submission. Equiries regarding these tenders may be addressed to Procurement office of Rwanda Military Referral and Teaching Hospital, Contact: **0788213598.**

Two (02) well-printed, properly bound and sealed bids (one of which is original) must be submitted in Procurement office not later than **4th March 2025** at **10:00 a.m**. Late bids will be rejected. Bids will be opened in public session in the presence of bidders or their representatives in RMH conference room on **4th March 2024 10:30 a.m**. The envelopes should clearly indicate the tender reference number and title of the tender.

Bidding will be conducted as specified in the Law N° 031/2022 of 21/11/2022 on public procurement and Ministerial Order N° 001/23/10/TC of 10/10/2023 establishing regulations on public procurement.

Sincerely,

Dr Eugene NGOGA
Brigadier General
Commandant

ITANGAZO RY'ISOKO

WASAC Utility
Water & Sanitation Corporation

Tender Name: Construction of WASAC disaster recovery Lot 1(Construction of civil works)

Tender Ref Nº: 11.07.053/098/24-25/PSCM-LIM-MD-GU/jk

Procuring entity: WASAC Utility Ltd

Source of Fund: WASAC Utility Ltd

Extension of bid submission date

Reference is made to the tender Ref Nº: 11.07.053/093/24-25/G/NCB/PSCM-MD-GU/fn related to the Construction of WASAC disaster recovery Lot 1 (Construction of civil works);

Due to the revision of technical specifications and bill of quantities of element 11 (External) item 1&2 in the above mentioned tender, WASAC Utility Ltd would like to inform all prospective bidders that the deadline for submission and opening of bids, previously scheduled for 24th February 2025, has been extended as follows:

- **Deadline of Submission of bids: 3rd March 2025 not later than 10:00am prompt local time (08:00 GMT).**
- **Opening of bids: 3rd March 2025 at 10:30am prompt local time (08:30 GMT).**

All other information remains unchanged.

Done at Kigali on **20/02/2025**

Sincerely,

Gisele UMUHUMUZA
Managing Director

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA GISAGARA
G.S KINTEKO
TEL: 0788674038

ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya G.S KINTEKO rikorera mu Murenge wa KIBILIZI, Akarere ka Gisagara rifatanyije n'akanama gatanga amasoko muri iryo shuri, buramenyesha ba rwiyemezamirimo babifitiye ibyangombwa babyifuza kandi babishoboye ko hari isoko ry'ibikoresho binyuranye by' amashami y' ubwubatsi, n'ubuhinzi. Igitabo kirimo amabwiriza agenga isoko kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri kuva taliki ya 12/02/2025 kugeza ku ya 11/03/2025 ku muntu umaze kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5000Rwf) kuri compte numero 96396 ya G.S KINTEKO iri muri koperative y'umwalimu Sacco.
Amabaruwa y'ipiganwa agomba kuzanwa muri G.S KINTEKO na ba nyirayo bitarenze tariki ya 11/03/2025 saa yine za mugitondo (10h00).
Gufungura amabahasha ni mu ruhame ni tariki ya 11/03/2025 saa tanu za mu gitondo (11h00) muri G.S KINTEKO.
Uzabageza ibaruwa ye nyuma ya saa tanu (11 h00) ntizakirwa.
Bikorewe i KIBILIZI, ku wa 11/02/2025

MUSANANZOBE Valentine

Umuyobozi wa G.S KINTEKO

ITANGAZO RY'ISOKO

KAVUMU
IKIGO CYIGISHA IMYUGA CY'I KAVUMU

ITANGAZO Kuwa 11/02/2025

IKIGO CYIGISHA IMYUGA CY'I KAVUMU(KAVUMU TSS) KIRAMENYESHA ABANTU BOSE BABIZI KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI KO GISHAKA GUTANGA AMASOKO AKURIKIRA :

- Isoko ryo kugemura ibyuma (piece de rechange) by'imodoka ntoya(Toyota starlet, toyota Land cruser, toyota Hiace, Suzuki gimny, Toyota Hilux(Vigo)
- Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kwigishirizaho(Automobile technology na ICT)

ABIFUZA GUPIGANWA BASABWE KUBA BUJUJE IBI BIKURIKIRA:

1. Icyemezo cy'ikigo cy'igihugu cy'iterambere (RDB) cyemeza ko bacuruza ku buryo bwemewe n'amategeko kandi afite TIN Number.
2. Icyemezo cy'ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) cyemeza ko nta deni bakibereyemo.
3. Icyemezo cy'isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda(RSSB
4. Icyemezo kigaragaza ko batanga inyemezabwishyu ya EBM.

Urutonde rw'ibikenewe muzarusanga ku kigo i Nyanza muri Kavumu TSS mu bunyamabanga bw'ikigo guhera ku itaiki ya 14/02/2025. Igitabo gikubiyemo ibikoresho kigurwa ibihumbi icumi (10,000 frw) yishyurwa kuri compte no 0023942-02-77 CFP Kavumu ibarizwa muri I&M Bank, Cyangwa 463229368610182 CFP Kavumu ibarizwa Muri BPR.
Amaposiye akubiyemo ibiciro azagezwa mu bunyamabanga bw'ikigo kuwa 11/03/2025 bitarenze i saa 09h30 z'amanywa , amabaruwa afungurwa kuri uwo munsi saa 10h00 z'amanywa Mu nzu mberabyombi y'ikigo.

Eng. RUZINDANA Eugene
Umuyobozi wa Kavumu TSS

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA GIKOMERO

AVIS D'APPEL D'OFFRES

Le **secteur GIKOMERO** en collaboration avec « VILLE DE KIGALI », invite par le présent Avis d'Appel d'Offres, les soumissionnaires admis à concourir, à présenter leurs offres sous pli fermé et scellé, pour les offres suivantes :

Numéro des marchés	Titre des Marchés	Date et heure d'ouverture	Source de financement
TN/01/GIK/2024-2025	Gukora ibyapa, imipira no kuyandikaho,amakarita y'akazi (banners ,designing, printing, branding, service cards,video production…)	13/03/2025 à 10H00	VILLE DE KIGALI
TN/02/GIK/2024-2025	Isoko ry'ibikoresho by'imodoka no kubishyiramo ikorwa	13/03/2025 à 10H00	VILLE DE KIGALI
TN/03/GIK/2024-2025	Isoko ryo gutwara inyandiko n'ubutumwa byanyuranye bw'umurenge	13/03/2025 à 10H00	VILLE DE KIGALI
TN/04/GIK/2024-2025	Repair and maintenance service of IT equipment, supply and installation of antivirus and spare parts	13/03/2025 à 10H00	VILLE DE KIGALI
TN/05/GIK/2024-2025	Prestation de service de décoration	13/03/2025 à 10H00	VILLE DE KIGALI

La participation à la concurrence est ouverte à égalité des conditions à tous les soumissionnaires spécialisés dans les domaines des différents marchés ci-haut cités.

Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus par les intéressés, à partir de la date de la parution de cet Avis d'Appel d'Offres dans le journal « IMVAHO NSHYA », auprès du bureau de secrétariat central du secteur pendant les jours ouvrables, sur présentation d'un bordereau de versement d'une somme non remboursable de **dix mille francs rwandais (10,000 frw)** au compte du Rwanda Revenue Authority.

Les offres et les propositions bien dactylographiées, rédigées en Kinyarwanda , français ou bien en langue anglaise, doivent parvenir au bureau de secrétariat central du secteur au plus tard la date précisée dans le tableau ci-haut **à 10h00 précises**. L'ouverture des offres aura lieu le même jour de dépôt **à 10h30** heures précises heure locale dans la salle de réunion du secteur en séance publique.

Fait à GIKOMERO, le 14/02/2025

KAVUTSE Epiphanie
Secrétaire Exécutif du Secteur GIKOMERO

E-mail: gikomerosector@gasabo.gov.rw Twitter:@SectorGikomero

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
E.S.GISHOMA
TEL: 0788458307

ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya Gishoma riherereye mu Karere ka Rusizi, Umurenge wa Rwimbogo, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, bafite ibyangombwa bibemerera gupiganira amasoko ya bwa gupiganira amasoko akubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Nº	IZINA RY'ISOKO	IGICIRO CY'IGITABO
01	Ibikoresho bya biro n'iby'isuku	5000 FRW
	Ibikoresho by'ubwubatsi	5000 FRW

